# Bibiliya y'abana
irerekana

# Yeremiya, umugabo wariraga





yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Jonathan Hay
Alastair Paterson

yahujwe na: Mary-Anne S.


yahinduwe na: Margaret Mbabazi


yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org


©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.





Yeremiya yavukiye mu muryango w'abanyedini wo mu bwami bw'u Buyuda. Se witwaga Hilukiya yari umutambyi. Uwo muryango wari utuye mu mugi wa Anatoti, hafi ya Yerusalemu. Birashoboka ko ababyeyi ba Yeremiya batekerezaga ko na we yari kuzaba umutambyi. Ariko kandi, Imana yari ifite izindi gahunda.





Igihe Yeremiya yavukiye, ubwoko bw'Imana ntabwo bwababagaho bukurikiza Ijambo ry'Imana. Hafi ya bose, kuva ku mwani kugeza ku mukozi wicisha bugufi, basengaga imana z'ibinyoma - ndetse no mu rusengero rwera bwite!
3


Igihe Yeremiya yari umusore, Imana yavuganye na we iti.
"Nakumenye mbere yuko uvuka," Imana yabwiye Yeremiya iti: "Kandi nateguye icyo gihe ko uzanvugira."
4


Umuhamagaro w'Imana wasaga naho utera Yeremiya ubwoba. "Ah, Mwami Mana!" Yaratakambye. "dore Sinshobora kuvuga, kuko nkiri umwana." ntiyari akiri umwana - yari afite imyaka makumyabiri. Ariko Yeremiya ntiyigeze atekereza ko yashoboraga kuvuganira Imana arwanya ububi bwari bumukikije.
5



Imana yijeje Yeremiya iti "ntutinye". "Jya aho ngutumye hose. Jya uvuga icyo nkubwiye cyose. Ndi kumwe nawe kugira ngo ngukize".
Hanyuma Imana yakoze ikintu cyihariye. Imana yakoze ku munwa wa Yeremiya.
6


Imana yahaye Yeremiya imbaraga, ubutwari n'ubwenge. Yavuganye ubutwari, yibutsa abantu ko Imana ibakunda kandi ko yifuza kubafasha. Ariko nta muntu n'umwe wamuteze amatwi. Ndetse n'umwami ubwe ntiyabyemeye.
7


Ndetse n'abatambyi bararakaye bamubwira kureka kuvuga ibyerekeye Imana. Hariho nabahanuzi b'ibinyoma bavuze ko Yeremiya yavugaga ibinyoma.
8


Yeremiya yibukije abantu ko, imyaka igera ku ijana mbere, ubwami bwa Isiraheli bwo mu majyaruguru bwari bwarateye Imana umugongo. Abanzi babo, Abashuri, barabatsinze maze bajyana Abisiraheli bose mu bihugu bya kure.
9
Abayuda, ubwami bwo mu majyepfo, bari barataye Imana. Ingabo z'umwanzi zari zari zitangiye kugenda! Ese Imana yari kureka ubwoko bwayo bukaneshwa kandi bukajyanwa mubunyage?
10
Abantu bizeye ibigirwamana byabo. Mbese ibigirwamana bishobora kubakiza abanzi babo? Oya! Imana yonyine niyo ishobora kubakiza. Abantu barakariye Yeremiya, bacura umugambi wo kumwica. Ariko Imana yarinze umugaragu wayo.
11
Hanyuma, Imana yavuze ikintu kigomba kuba cyaratunguye Yeremiya. Imana yaravuze iti: "Ntusengere aba bantu. Ntabwo nzabumva igihe bazatakambira ngo mbafashe."
12
Yeremiya yihanangirije umwami ko yari gutsindwa mu ntambara yarwanaga n'ingabo za Babiloni. Umwami ararakara cyane, ajugunya Yeremiya muri gereza. Ndetse no muri gereza, Yeremiya yakomeje kubwiriza no kwiringira Imana.
13
Yeremiya amaze gufungurwa, yongeye kubwiriza umwami n'abantu ko bagomba kwihana kandi bakiringira Imana. Icyo gihe umwami yategetse ko bajugunya Yeremiya mu cyobo kirekire cyirimo ibyondo.
14

Ariko kandi, Imana yarimo ikora umurimo mu mutima w'uwo mwami. Yarokoye Yeremiya mu ibanga maze amubaza icyo Imana yashakaga ko umwami akora. Yaramushubije ati "genda ujye mu bunyage, kandi Imana ivuga ko uzarokoka".





Ingabo z'Abanyababuloni zigaruriye Yerusalemu n'u Buyuda bwose. Basenye inkuta n'amazu yose, kandi batwika ibintu byose. Imana yavuze ko ubwoko bwayo bwari kuzajyanwa mu bunyage mu gihe cy'imyaka mirongo irindwi, hanyuma ikazabugarura mu Gihugu cy'Isezerano.





Yeremiya, umugabo wariraga

inkuru yo mu Ijambo ry’Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Yeremiya

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130



# Iherezo

28 60



Iyi nkuru itubwira iby’Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy’icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w’ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw’ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z’ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk’umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n’Imana buri munsi! Yohani 3:16